
# Munzira Igana Kubugingo

na Elmer Murdoch

# Imana ni imana y'imbabazi iragukunda iragusaba kuyemera.

*Kimwe*
*muri*
*ibi*
*bintu*
*ahari*
*gituma*
*utabigeraho*
*(kumenya Imana):*




Ibyo okora bishora guhindura ibitekerezo byawe ku Mana. Nyamara binyuze muri iyi nyandiko cangwe aka gatabo, Imana Ishobora kukubwira.

*Imirongo yose iri muri kano gatabo yavuye muri BIBLIA, kabiri yitwa "INUMA"*

© Copy right 1971,1989, 2004, 2008, 2017, 2018

## Nibyo mufite ubumenyi bumwe na bumwe ku mana
## Dore ibintu bitatu 3 by'ukuri by'ingenzi tugomba kumenya:

**….Ni ubwenge kandi** ni byiza bikwiriye kubuzima bwawe

**….. Ni Uwera:** Byumvikane ko ntiyemera icaha kandi azagihana azagicira urubanza.

**…. Ni umunyembabazi;** *Ashobora rero gukuraho urubanza kuri wowe kandi akakubabarira binyuze murupfu rwa Yesu Kristu kumusaraba.*

*"Ni iyihe Mana Ihwanye nawe, Ibabarira gukiranirwa…." MIKA 7:18.*

*Yesu kristu niwe gusa nzira itujana ku Mana, kuberako yaravuze ati: "Ninjye nzira n'ukuri n'ubugingo ntawujya kwa Data ntamujyanye " YOHANA 14:6*

### Ni iyihe ntego nkuru y'ubuzima?

*Umuryango wanjye, Kwishima, Kugira ubuzima bwiza, Gutsinda….? Ibi bintu ni byiza, ariko BIBILIYA Itwigisha ko icyingenzi ari ukwitoza kumenya Imana kubwa Yesu Kristu. Uzasanga ushobora neza kuyimenya nk'ishuti..*

*"Ubu nibwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ariwe Yesu kristu" <YOHANA 17:3>.*

## Mubushake bwe bw'urukundo Iyo Mana y'imbabazi Irashaka(Irifuza):

- Kukubabarira ibyaha byawe byose,
  - Guha icyerekezo ubuzima bwawe bwa none,
    - Kukwakira mwijuru nyuma y'urupfu.


Ibyo byose bikugeraho ukimara kwih'Imana Imana kumwami Yesu kristu. Kwanga iyo mpano y'ubuntu n'urukundo, wishira wenyine hejuru y'Imana, ndetse murubanza rwera. (YOHANA 3:36). Hanyuma ukibara nk'umwami uhebuje, ubwo rero ikibazo nyamukuru uhura nacyo niki ngo:

## NINDE UYOBORA UBUZIMA BWANJYE?›

Wowe ubwawe cyange Yesu? Ibikurikira biragufasha kubitahura:

## UMUNTU WESE ARI KURI IMWE MURIZINO NTAMBWE 5:


Buri ntambwe isobanura inyifato y'umuntu ku Mana kandi yerekana intera ufitanye n'Imana. Nibyo Yesu yigishaga ubwo yavugaga kumuntu ushaka ukuri: *"Nturi kure y'ubwami bw'Imana"* (MARIKO 12:34)




***NI IYIHE NTAMBWE URIHO?***

# KUTAMENYA

Birashoboka ko, mufite bike cangwa byinshi muzi kuri Yesu Kristu n'agakiza kiwe kuri mwebwe, ariko mubyukuri ntimumuhe  inyungu (umwanya) yihariye. Inyifato yo kutamenya igira inzitizi kukuntu uzi Imana, ariko ntibituma Imana Itabagirira impuhwe! Kubera ko ….‹ *Imana yerekanye urukundo rwayo Idukunda ubwo Kristu yadupfiraga tukiri abanyabyaha›* (ABAROMA 5:8)





***MWISANZE MURI MUYIHE NTAMBWE?***

# INYUNGU

Muremera ibyo mukeneye m'Umwuka  ndetse no muburyo bwanyu bwite; murashaka kubigeraho. Urupfu, ubutane, gutakaza akazi kawe, ubugwayi cangwe Inshuti, byagutera kugira ico ubura muri wowe muburyo bw'umwuka?

Impamvu nyamukuru ni ukubura ubusabane bwihariye hamwe na Yesu Kristu. Umwami Yesu agira ati: ‹ Muzanshaka mumbone ni munshakana umwete wanyu wose…› (YEREMIYA 29:13).




*MURI MURI IYI NTAMBWE? INYUNGU NYAYO ISHOBORA KUYOBORA KU….*

# KWEMERA :

Mufite ibyifuzo byimbitse byingorane z'umwuka ndetse ibyifuzo bizanwa n'umwuka wera. Abantu kubaho ubuzima bwabo bwite, batitaye kuby'Imana bacumura muburyo bwinshi.

ABAROMA 3:23 hagira hati: ‹ Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashikira ubwiza bw"Imana…›.


Ibaze kubuzima bwawe winshingikirije umucyo w'Ijambo ry'Imana: Ni irihe tegeko mubitekerezo byawe, mumagambo cangwe mubikorwa? Kuberako : ‹ … Kuko amategeko ariyo amenyekanisha icyaha.….› (ABAROMA 3:20).

Iyo ibyaha byawe bigucyanganyikisha,

**KINYARWANDA: Bibiliya Ijambo ry'imana**
**Exodus (Ukuvanwa mu Misri) 20:3-17**

3 "Ntugasenge izindi mana, ahubwo ujye unsenga jyenyine.
4 "Ntukiremere ikigirwamana cyangwa ishusho isengwa y'ibiri mu ijuru, cyangwa ku butaka, cyangwa mu mazi.
5 Ntukabipfukamire kandi ntukabiyoboke. Jyewe Uhoraho Imana yawe ndi Imana ifuha, mpana abanyanga n'abana babo n'abuzukuru babo ndetse n'abuzukuruza babo,
6 ariko abankunda bagakurikiza amabwiriza yanjye, mbagirira neza bo n'ababakomokaho imyaka itabarika!
7 "Ntugakoreshe izina ryanjye mu buryo budakwiriye, kuko jyewe Uhoraho Imana yawe ntazabura guhana ukoresha izina ryanjye atyo.
8 "Ujye wibuka umunsi w'isabato uwunyegurire.
9 Imirimo yawe yose ujye uyikora mu minsi itandatu,
10 ariko uwa karindwi ni isabato yanjye, jyewe Uhoraho Imana yawe. Ntukagire icyo ukora kuri uwo munsi, wowe ubwawe cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga uba iwawe.
11 Uzaziririze isabato utyo, kuko jyewe Uhoraho naremye ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose mu minsi itandatu, ariko ku munsi wa karindwi nkaruhuka. Ni yo mpamvu nahaye umugisha umunsi wa karindwi nkawiyegurira.
12 "Ujye wubaha so na nyoko, bityo uzarama mu gihugu mbahaye, jyewe Uhoraho Imana yawe.
13 "Ntukice.
14 "Ntugasambane.
15 "Ntukibe.
16 "Ntukabeshyere abandi.
17 "Ntukifuze inzu y'undi muntu, cyangwa umugore we, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi cyose atunze."

jya wibukako umwuka wera akubwira kandi akurarikira kwihana.
‹ Ubwo azaza atsinda ab'isi, abemeze ibyicaha nibyo gukiranuka n'ibyamateka;› (YOHANA 16:8)




***MURI MUYIHE NTAMBWE?***
***KWATURA IBYAHA BISHOBORA***
***KUYOBORA KU...***

## TEKEREZA KURI IBI BIBAZO BY'INGENZI:

1. Wakoze ichaha uchumura kuri rimwe mumategeko y'Imana? a) YEGO ☐ b) OYA ☐

2. Ibyaha byawe birakugora? a) YEGO ☐ b) OYA ☐

3. Kuruhe rwego? a) Gahoro ☐ b) Cyane ☐ c) cyane kubwo gushaka igisubizo?

## KWIHANA

*Bitanga impinduka mumutima wawe, kandi wahisemo kureka ibizwi, kubyatura ndetse no gushaka kujyana ubuzima bwawe binyuranye n'ubushake bw'Imana .*

KWIHANA… Ni igikorwa gituma uhindura icyerekezo cy'ubuzima kuri Yesu Kristu kugirango afate umwanya ukwiriye muri wowe.

KWIHANA….Ni intambwe imwe y'ingenzi m'Umwuka mbere yokugera ku kwizera.

Kwihana...ntabwo ari ukwicyuza ibyaha gusa, hamwe nokwihana harimo umubabaro, ariko ushobora kwerekana umubabaro utihanye.
Abantu benshi bababazwa n'ingaruka z'ibyaha byabo, ariko ntibababazwe n'icyaha ubwacyo. *"Agahinda komuburyo bw'Imana, gatera kwihana kuticyuzwa, nako kukazana agakiza, ariko agahinda komuburyo bw'isi gatera urupfu."*
(2 ABAKORINTO 7:10)


Kwihana..ntibivuze gusa kwatura ibyaha. Abantu bamwe babashije kureka ibyaha bizwi kubwimpamvu bwite( ubuzima, kugirango badatakaza ubumuntu bwabo, umuryango, ibikorwa,…) ariko ntabwo ari uko bababaza Imana!

Kwihana bigarukwaho incyuro 60 mu isezerano rishya. Yesu ubwe yagize ati: ‹ *…Ahubwo namwe nimutihana, muzarimbuka mutyo mwese.›* (LUKA 13:5)

**Kwihana** bigarukwaho incyuro 60 mu isezerano rishya.

Yesu ubwe yagize ati: *"Ahubwo namwe nimutihana, muzarimbuka mutyo mwese." (LUKA 13:5)*

**Ni iyihe nyungu rero yo kwihana?**



## KWIZERA GUKIZA KU MWAMI YESU KRISTU

Ubu muriteguye kwitanga ubwanyu, ndetse nibyo mufite byose mumaboko y'Umwami Yesu Kristu.

Umutima wawe wemere kuyoborwa na Yesu aho kwiyobora wenyine.

Ubu noneho, Kristu yitaye kukazi kawe, umuryango, ubutunzi, imigambi y'ejo ndetse n'ubuzima bwawe kuberako Kristu, ariwe Mana, yatanze ubugingo bwe kubwawe.
MATAYO 10:37-39; LUKA 9:57-62

Muri LUKA 14:26, Yesu aravugako nimba hariho ushaka kuba umwigishwa we agomba kumukunda kuruta Se na Nyina, umugore we, abana be, abavandimwe be, ndetse n'ubuzima bwiwe bwite, bitabaye ibyo ntashobora kuba umwigishwa we.

Ni mumwiha byimazeyo, Imana Izashira umwuka wayo muri mwe kandi muzaba mumuryango w'Imana.

Uwo niwe mwami wanyu none, kandi murukundo rwe ahindura ibintu byose uko ashaka mubuzima bwanyu. ‹…

*Izere umwami Yesu urakira…› ( IBYAKOZWE N'INTUMWA 16:31)*

*‹ Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana kubw'Umwami wacyu Yesu Kristu.› (ABAROMA 5:1)*

Kubw'umwuka wayo, Iba muri mwe; N'Isõko n'umuyoboro w'ubuzima bwawe bwa gikristu.

**KWIZERA GUKIZA**



KUBERAKO IMANA YABAZANYE KURI IYI NTAMBWE, MWIHE KRISTU UYU MUNSI.

## VUGANA N'IMANA UKORESHEJE AMAGAMBO YAWE BWITE KANDI…..

Mubwire ibyaha byawe:

- **Bitondagure:** Ikinyoma, uburiganya,igomwa, kuramya ibishushanyo, ubuhemu, kwanga kubababrira….

**Bwira Imana ko wihanye:** Ko witanze wese kuriyo kandi ko wemeye Yesu Kristu nk'umwami n'umukiza mubuzima bwawe.
Aza sohoza amaserano ye, akubabarire kandi azinjira mubuzima bwawe Akugire icharemwe gishya..

Uwo mwanzuro urashobora gukurikirwa, n'amaranga mutima yimbitse.

Imyitwarire yawe ni ingaruka z'imitere yawe, ahantu cangwe uburyo wegeranye n'Imana. Murabizi ko mwatanze ubushake ku Mana kubwo kuyinezeza, ni ibyingenzi. Amaranga mutima arashira, ari nako kwiyemeza kw'umutima wanyu guhoraho.

*Rero shima Imana kuba Yakugiz' umwana wayo, kandi Ishira ubuzima bwayo muri wowe*

## UBU URAHAMYA KO WAKIJIJWE:

1 Kuberako wubashe ibyo Imana Isaba byo kwihana no kwizera, kandi ntihemuka Isohoza isezerano ryayo. “Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry’Umwana w’Imana, kugirango mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho” (1YOHANA 5:13).

2 Kubera ko mwizereye mugacyiro k’amaraso ya Yesu Kristu yamenetse kumusaraba. ‹ Niwe waduhesheje gucyungurwa kubw’amaraso ye, ariko kubabarizwa ibicyumuro byacyu nkuko ubutunzi bwayo buri› (ABAEFESO 1:7)

3 Kuberako ko wanze Amatwara ya yoborag’ ubuzima bwawe kandi ugaharira Kristu ubwo burenganzira bw’ikirenga. “Nuko rero nk’uko mwakiriye Kristu Yesu Umwami wacyu abe ariko mugendera muri we” (ABAKOLOSAYI 2:6)

4 Kuberako Imana Yashize umwuka wayo muri mwe, kandi bikaba icyingenzi ko muri abayo. “Umwuka w’Imana ubwe uhamanya n’umwuka wacyu yuko turi abana b’Imana” (ABAROMA 8:16);

## UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO BUGARAGARIRA MO:

1. INYOTA YO KUMENYA BIBILIYA: "Mwifuze amata y'umwuka adafunguye kugira ngo abakuza abageze ku gakiza" » (1PETERO 2:2);

2. IBYIFUZO BYO KUBAHA YESU KRISTU: « Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye» (YOHANA 14:15);

3 . KUZINUKWA ICYAHA: (Iyo duchumura bundi bushya tugaragaza kuyizinukwa ntabwo ari kunezerwa) «…Uwiteka azi abe, kandi ngo umuntu weseuvuga izina ry'Uwiteka ave mubidatunganye » (2 TIMOTEYO 2:19);

4. KWIFUZA GUTERANA HAMWE N'ABANDI BAKRISTU: «Kandi uko bukeye Umwami Mana Ikabongerera abakizwa» (IBYAKOZWE N'INTUMWA 2:47b);

5. KWITA KUBZIMIYE (Abataremera umwami kandi batazi Imana ubwayo) «…Ahubwo Itwihanganisha Idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo Ishaka ko bose bihana» (2PETERO 3:9).

For further help contact:

Step Up To Life Ministries
20301 Wirt Street
P.O. Box 730
Elkhorn, NE 68022 U.S.A.
(402) 933-4095
www.stepuptolife.com • sutlmail@aol.com

**Step Up To Life Ministries Nairobi**
**&**
**Cistern Materials Translation & Publishing Center,**
**P.O. Box 113,00220 KIJABE, KENYA**
**Tel: (+254) 0721330253/ 0710751219**
**Email: info@cisternmaterialscenter.com**
**www.cisternmaterialscenter.com; cisternprisonministry.org**

For teaching/study and children's material, video or various language tract versions, contact us at (402) 933-4095
www.stepuptolife.com • sutlmail@aol.com

Step Up To Life Ministries
20301 Wirt Street
P.O. Box 730
Elkhorn, NE 68022 U.S.A.

Check out lifesajungle.com and our FREE app "Life's A Jungle" on iTunes and Google Play